GUHANGARA

Igisubizo gituje gicubya umujinya, ariko amagambo akarishye asembura akaga.

IHAME RY' ICYUMWERU

Amakimbirane abyara imvururu iyo tuvuze amagambo atakomeretsa, dukabukiye abandi cyangwa tugahutaza abandi mu bikorwa dukora. Iyo duhangawe n' umuntu, akenshi dukunze kwihagararaho ndetse tukanatongana kuko tutifuza kugaragaraho amakosa.Burya kwemera amakosa ni uguca bugufi, kandi bikanda ubwibone bwacu. Dukunze kwihagararaho kabone nubwo twaba turi mu mafuti cyangwa twakabije ukuri.

Nta muntu n' umwe utagira amakosa, ariko twese twiyumvisha ko dufite ukuri biyto tukisanga mu kaga. Kuva tuzi rero ko dufite ukuri, dufungura umunwa maze tukavuga icyo dutekereza kabone nubwo twaba tubiziho igice. Rimwe na rimwe ni uko dukunda kwigaragaza. Iyo tuvuze ibitekerezo byacu, tuba twiyemeje kurwanira ukuri kwacu. Igihe cyose twihagazeho ntibikunze koroha ko twemera amakosa yacu, dore ko bikomeye.

Iyo dufite ukutumvikana, twese duhuriyeho , ni byiza ko twitoza kuyobora imvugo yacu. Igisubizo gituje gicubya umujinya. Iyo igisubizo cyacu gituje, bagenzi bacu bazatwubaha kandi bunubahirize ibyo twavuze, ibi rero biduhesha amahirwe yo gukomeza ikiganiro. Biranezeza rero uburyo amagambo akomeye akoreshwa ni abazi kuyakoresha. Nk' ijambo " mbabarira" rirakomeye, ariko iyo riturutse mu mvugo ituje, ku rurimi rweruye, rihosha imbaraga z' umunabi. Igisubizo gituje gifite imbaraga zikomeye kurusha za burende ndetse ni mbunda.

Umubano mwiza uduhesha uburenganzira bwo gutanga ibyifuzo/ ibitekerezo byacu hatabayeho guhangana. Gutanga amakuru nabi byangiza umubano, bitakaza umwanya n' ingufu zacu kandi bikatubangamira gukemura ikibazo. Dushobora gutsinda amakimbirane, ariko duteshuke ku cyo twashakaga kuvuga, hagati aho ni umubano wacu ukahonokera. Ntidushobora gutanga amakuru neza gusa tudafitanye umubano mwiza.

Iyo twaguye mu kibazo maze ikituje mu mutwe akaba ari ugutabuka, twangiza amahirwe; dushobora ndetse guhomba umutungo wacu cyangwa se tugaca umubano wari mwiza. Iyo iyi myitwarire ikabije dufatwa nka bantu bahubuka, maze tukirukanwa cyangwa bakaduha akato.Kurakazwa n' ubusa rero bitesha umurongo. Ariko iyo twitoje kuyobora kamere yacu tuzashobora kugenza buhoro aho bibaye ngombwa, aho kugira ngo ibihe biyobore kamere yacu.

INYUNGU

1. Kwitoza kuyobora amakibirane no guhangana bitwigisha kumenya uko twifata, aya ni amahirwe akomeye. Iyo dusubije mu mvugo ituje bigaragarira abandi ko dufite amakuru ahagije ku byo batuvuga.

2. Ni turamuka dushoboye gukumira umuco wo guhangana umubano wacu uzaba mwiza bityo ntihaboneke igitotsi mu guhererekanya amakuru. Ntabwo bivuze ko ugomba gutsindisha amagambo, iyo ikiganiro gihindutsemo gutongana dushobora kwibwira ko twatsinze intambara y'amagambo, nyamara ukuri ni uko kutwereka ko gutsinda nyakwo kuboneka ari uko twashoboye kuvugana mu mvugo nziza.

3. Kumenya guhosha intonganya /guhangana bizadufasha guca bugufi. Itoze kuvuga ngo ntitubizi cyangwa ndabikemanga. Nta muntu umenya buri kimwe maze ngo abyerure imbere y' abandi iyi ni nkingi ikomeye mu guhererekanya makuru.

4. Kumenya guhangana ni ntonganya/ intambara y' amagambo bidutoza kwiga imyumvire ya bagenzi bacu." Ushobora kuba ufite ukuri", cyangwa "uvuze neza" iyo bigenze gutya biroroha kumvikana maze ni gitekerezo cyawe cyikakirwa vuba.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Shimangira umubano wawe ufite kugira ngo uzajye utanga ibitekerezo byawe utishisha ko bishobora kubyara amakimbirane. Ni ibyigenzi rero ko duhora dusana umubano wacu aho guhora dushwana n' inshuti zacu twanze kuva kw' izima.
2. Shakisha uburyo mwabyumva kimwe. Gerageza gushaka aho baturuka. Mu gihe habaye ukutumvikana, ni byiza ko mwakomeza kuvugana no kuvugisha ukuri. Ibi kandi ntibisobanuye guhatiriza ngo bikunde cyangwa se ngo unigwe

Inzira ni mikorere yo
GUHANGARA

n' ijambo. Ahubwo icyo twemeranya nacyo ni igitekerezo abandi bafite, cyangwa se uruhande babogamiye, ntabwo ari uguhakana.

3. Reba aho ibintu bigenda nuko urebe bibaye ngombwa ko wakunganira. Ni ujya gushinja maze nabo bakishinjura aho rero bizubaka urubuga rwo guhangana gusa.
4. Kumira intonganya/ guhangana ukoresha ibisubizo bituje ndetse umwenyura, kumwenyura bifite imbaraga. Mu gihe abantu bashaka kuburana natwe kandi turi mu kuri, maze tukamwenyura tugakoresha imvugo ituje, iyo ubigenje utya ikiganiro gikomerera umuntu muhanganye. Yobora rero amarangamutima yawe; banza utekereze neza mbere yuko ugira icyo ususbiza. Tutibagiwe n' umubiri wawe kuko nawo ufite uruhare mu guhosha amakimbirane.
5. Iteka ujye usoza amagambo yawe ni imvugo ituje. Kandi ujye ukora mu ntoki nyuma yo guhangana niyo mwaba mutabyumva kimwe kandi wiyumvishe ko udashobora kwemera buri kintu cyose, maze hagaragare itandukaniro hagati yanyu.
6. Itoze impano yo gushima/ kurabukwa agaciro abandi bafite ndetse ni ibitekerezo byabo. Ntukajye wiyemera cyangwa ngo ugire imyumvire yo kwishyira hejuru, ahubwo ca bugufi mu bumenyi ufite. Mu gihe wemeye ko ibyo batekereza bifite ishingiro bizaguhesha amahirwe yuko bagutega ugutwi. Ni byiza kugira aho ubogamira aho kutagira aho ubogamiye na hato.

Bityo rero uburyo dufata ndeste tugakoresha amagambo bishobora kubaka amahoro cyangwa bigashora intambara, inshuti cyangwa abanzi, hamwe n' instinzi cyangwa se gutsindwa mu buzima. Mu gihe tuzi ikintu neza rero, si ngombwa ko tubyasasa ndetse dukandagire abandi, ibyo bigaragaza urwikekwe/ umutima uhagaze. Biteye isoni rero gusakuza kandi turi mu mafuti. Guhangana rero biriho kandi ni impamo ariko tujye tuzirikana yuko kutumvikana ntibisobanuye kwangana. Kubishobora rero nuko twakwirengagiza ababifata nk' irushanwa

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ubyifatamo ute iyo umuntu akuvugishije afite umujinya cyangwa se ubwibone?
2. Ese ni akahe gace, kiri hame kagufashije cyane?
3. Ese wigeze ugira amahirwe yo guhagarika intambara y'amagambo kugira ngo utangiza umubano ufitanye n' inshuti?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			